Kigali on, 19/04/2021
Ref. Nº: DIS/1362/FDA/2021

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority
P.O. Box 1948Kigali
info@rwandafda.gov.rw
www.rwandafda.gov.rw

Abatunganya ubuki bupfunyitse (Bose)
Abakwirakwiza ubuki bupfunyitse (Bose)
Abadandaza ubuki (Bose)
Abaturarwanda

Bwana/Madamu

Impamvu: **Guhamagaza no guhagarika ikwirakwiza ry'ubuki buhinduriwe umwimerere bwitwa SWEET DROP HONEY.**

Hashingiwe ku itegeko Nº 003/2018 ryo kuwa 09/02/2018 rishyiraho ikigo cy'igihugu gishinzwe kugenzura ibiribwa n'imiti (Rwanda FDA), cyane cyane mu ngingo ya 8 igika cya 2 nicya 13;

Hashingiwe nanone ku itangazo rifite ***Ref Nº: DIS/CRC/059/FDA/2021*** ribuza guhindura umwimerere w'ubuki bupfunyitse ryo kuwa 04/02/2021 n'ubugenzuzi bwakozwe na Rwanda FDA nyuma yo kwakira ibibazo by'abaguzi bavuga ko ubuki bwitwa **SWEET DROP HONEY** baguze butujuje ubuziranenge. Hashingiwe nanone ku bisubizo bya laboratwari byagaragaje ko ubuki buhindurirwa umwimerere n'abatunganya bakanapfunyika ubuki bwavuzwe haruguru.

Rwanda FDA iramenyesha abaturarwanda ko ikuye ku isoko ubuki bukurikira;

IBYANDITSE KU ICUPA RY'UBUKI
SWEET DROP HONEY Natural Honey 100%; Claims of: Best to use for Diabetic, Pregnant, Grip, Stomached, Appetite and Others

Icyo dusaba gukora

Rwanda FDA irasaba:

1. Abakwirakwiza, amaguriro y'ibiribwa (supermarkets), n'abacuruzi badandazaga guhagarika gukwirakwiza no kugurisha ubuki bwa **SWEET DROP HONEY** ndetse bagasubiza ubuki bwose ku babubaranguje bitarenze iminsi 5 y'akazi

2. Abatunganya bakanapfunyika ubuki bwa **SWEET DROP HONEY** barasabwa kwakira ubuki bazagarurirwa nabo yabugurishije kandi agatanga raporo yimbitse (igaragaza amazina y'abaranguye, numero za telephone n'ingano y'ubuki bwagaruwe akanagaragaza aho akorera) kuri Rwanda FDA mu minsi 10 y'akazi.

3. Abaturarwanda bose basabwe kutongera kugura cyangwa gukoresha ubuki bwa **SWEET DROP HONEY.**

Icyitonderwa:

1. Abatunganya ubuki bupfunyitse barasabwa kwandikisha aho bakorera ndetse bakandikisha ubuki bwabo muri Rwanda FDA;
2. Rwanda FDA iributsa ko bibujijwe gukora no gucuruza ubuki buhinduriwe umwimerere;
3. Abapfunyika n'abagurisha ubuki bwahinduriwe umwimerere bazafatwa bazahanwa by'intangarugero;
4. Abashaka gusaba ibisobanuro ndetse no gutanga amakuru ku bakora n'abacuruza ubuki bwahinduriwe umwimerere bahamagara kuri **0789 19 35 29 Cyangwa 9707**

Amafoto agaragaza ubuki bwa **SWEET DROP HONEY** ari kuri paji ikurikira.

Tubashimiye ubufatanye bwanyu.

Digitally signed by Rwanda FDA (Ag DG)
Date: 2021.04.19 22:02:24 +02'00'

Dr. Charles KARANGWA
Ag. Director General

RWANDA FDA
Rwanda Food and Drugs Authority

Amafoto agaragaza ubuki bwakuwe ku isoko bwa SWEET DROP HONEY